REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA KANAMA 2022

10 Nzeri 2022

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KANAMA 2022

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2022. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 15,9% mu kwezi kwa Kanama 2022 ugereranyije na Kanama 2021. Ibiciro muri Nyakanga 2022 byari byiyongereyeho 15,6%.

Muri Kanama 2022, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 29,2%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 7,5%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 12,6% n'ibiciro by'amacumbi n'amafunguro byiyongereyeho 18,5%.

Iyo ugereranyije Kanama 2022 na Kanama 2021, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 12,7%.

Iyo ugereranyije Kanama 2022 na Nyakanga 2022, ibiciro byiyongereyeho 0,5%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 0,3% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 1,4%.

## B. Ibiciro mu byaro

Muri Kanama 2022, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 23,6% ugereranyije na Kanama 2021. Ibiciro muri Nyakanga 2022 byari byiyongereyeho 22,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Kanama, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 36,8% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 9,3%.

Iyo ugereranyije Kanama 2022 na Nyakanga 2022 ibiciro byiyongereyeho 1,6%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,8%.

**Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)**

Muri Kanama 2022 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 20,4% ugereranyije na Kanama 2021. Muri Nyakanga 2022 ibiciro byari byiyongereyeho 19,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Kanama 2022, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 34,4% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 8,5%.

Iyo ugereranyije Kanama 2022 na Nyakanga 2022 ibiciro byiyongereyeho 1,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,3%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kanama 2021 kugeza muri Kanama 2022.**

| Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva Kanama 2021 kugeza Kanama 2022 | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | *ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije* | | | | | | | | | | | | |
| | **2021** | | | | | **2022** | | | | | | | |
| | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | -0,6 | -0,9 | 0,6 | 1,0 | 1,9 | 4,3 | 5,8 | 7,5 | 9,9 | 12,6 | 13,7 | 15,6 | 15,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | -2,8 | -4,8 | -6,0 | -6,4 | -4,7 | -0,8 | 3,1 | 4,3 | 11,0 | 16,4 | 17,9 | 22,5 | 23,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | -1,8 | -3,2 | -3,3 | -3,4 | -2,0 | 1,3 | 4,2 | 5,6 | 10,5 | 14,8 | 16,1 | 19,6 | 20,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,3 | 0,6 | 0,6 | -0,5 | 0,0 | 2,1 | 1,8 | 3,1 | 2,4 | 1,9 | 0,8 | 1,7 | 0,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 0,6 | -0,1 | -0,7 | -1,1 | 0,1 | 2,9 | 4,5 | 2,6 | 4,7 | 2,3 | 1,5 | 3,5 | 1,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 0,5 | 0,2 | -0,1 | -0,9 | 0,1 | 2,5 | 3,3 | 2,8 | 3,7 | 2,1 | 1,2 | 2,7 | 1,1 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw